Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

None ku wa gatatu, tariki ya 31 Ukuboza 2025, Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye, iyobowe na Nyakubahwa MUKANTAGANZWA Domitilla, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ifata ibyemezo bikurikira:

## I. Yemeje ibyemezo byafashwe na Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza, bimwe muri byo akaba ari ibi bikurikira :

1) Gushyira mu makomisiyo abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bashya
2) Gushyira umucamanza mu Rugereko rwihariye rw'Urukiko Rwisumbuye
3) Kongerera manda y'ubuyobozi Bwana NSENGIYUMVA Félicien, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze
4) Gusezerera ku kazi nta mpaka Madamu MASENGESHO Celine wari umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge kubera guta akazi
5) Kwimura abacamanza n'abanditsi
6) Guha umucamanza ikiruhuko cy'uburwayi
7) Gushyira mu kazi burundu abanditsi basoje igihe cy'igeragezwa

## II. Inama Nkuru y'Ubucamanza yahannye abakozi b'inkiko bakurikira :

1) Bwana KAMANZI Dalaus, wari umucamanza mu Rukiko Rukuru, yahanishijwe kwirukanwa ku kazi kubera imikorere iganisha kuri ruswa;
2) Bwana HATEGEKIMANA Zozime, wari umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Mukamira, yahanishijwe kwirukanwa ku kazi kubera imikorere iganisha kuri ruswa;
3) Bwana MURENZI Prosper, wari umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyakabuye, yahanishijwe kwirukanwa ku kazi kubera imikorere iganisha kuri ruswa;
4) Bwana HAMENYIMANA Telesphore, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Karongi, yahanishijwe guhagarikwa ku kazi mu gihe cy'amezi atandatu (6) adahembwa kubera gusubika iburanisha n'isomwa ry'imanza mu buryo budafitiwe ibisobanuro.

**III. Inama Nkuru y'Ubucamanza yashyize mu myanya abakozi mu buryo bukurikira :**

**1) Mu Biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

Madamu BYUKUSENGE Marie Claire, Umujyanama wa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

**2) Mu Bugenzuzi Bukuru bw'Inkiko**

1) Bwana BANDORA Jean Baptiste, Umugenzuzi w'inkiko
2) Madamu MURERAREHE Saouda, Umugenzuzi w'inkiko

**3) Mu Rukiko Rukuru**

1) Bwana NSENGIYUMVA Jean Claude, Perezida w'Urugereko rwa Rusizi
2) Madamu BWIZA N. Blanche, Umucamanza
3) Bwana GASANA Jean Damascène, Umucamanza
4) Bwana TWAGIRAMUNGU Félicien, Umucamanza
5) Bwana KABALISA Fulgence, Umucamanza.

**4) Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi**

Madamu KAMANZI Dative, Umwanditsi

5) **Mu Nkiko Zisumbuye** :

1) Madamu GIRANEZA Clémentine, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi
2) Madamu UMUBYEYI Francine, Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi
3) Bwana MURENZI Pacifique, Umucamanza
4) Madamu MUSABYEYEZU Aimée Solange, Umucamanza

6) **Mu Nkiko z'Ibanze :**

1) MUKASHYAKA Léonille, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyagatare
2) NIYONSABA Emelyne, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza
3) Abandi bacamanza n'abanditsi bashyizwe mu Nkiko z'Ibanze zitandukanye

## IV. Kwemererwa gusezera ku kazi

Inama Nkuru y’Ubucamanza yemereye Madamu MUKABUREGA Marie Claire wari umucamanza w’Urukiko rw’Ibanze rwa Nyarugenge gusezera ku kazi.

## V. Gutanga izina ry’icyubahiro

Inama Nkuru y’Ubucamanza yemeje ko abacamanza bari mu kiruhuko cy’izabukuru : Madamu KANYAMIBWA Mukandoli Christine, wari Perezida w’Urukiko rw’Ubucuruzi na Bwana MUYOBOKE Butera Etienne, wari Perezida w’Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, bahabwa izina ry’icyubahiro**.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 31/12/2025



Digitally signed by SC(Spokesperson )
Date: 2025.12.31 18:20:22 +02'00'

**Harrison MUTABAZI**
**Umuvugizi w’Inkiko**